RWANDA BAR ASSOCIATION

Promoting the Rule of Law

ITANGAZO

Mu rwego rwo kurushaho kunoza gahunda yo kunganira abana mu manza nshinjabyaha; Urugaga rw' Abavoka mu Rwanda ruramenyesha Abavoka bose ko rwifuza gushyiraho itsinda ry' Abavoka bazajya bunganira abana mu nkiko mu manza nshinjabyaha .

Ni muri urwo rwego Uragaga ruhamagarira Abavoka babishaka kandi bujuje ibisabwa kugeza amabaruwa abisaba ku bunyamabanga bw' Urugaga bitarenze **kuwa kane tariki 15/03/2018 saa sita zuzuye 12h00 binyuze kuri e-mail y' Urugaga** ikurikira: barreaudurwanda1997@gmail.com, Ibisabwa kugira ngo usaba abe yashyirwa muri iryo tsinda ni ibi bikurikira:

1. Kuba yanditse ku rutonde (Tableau) cyangwa kuri lisiti y' abimenyereza umwuga (Stage) mu mwaka wa 2018;
2. Kuba akunda kandi asanzwe atanga ubufasha mu by' amategeko ku batishoboye abyibwirije cyangwa abisabwe n' Urugaga;
3. Kuba amaze byibuze imyaka 2 mu mwuga w' Ubwavoka nta guhagarika;
4. Kugaragaza ifasi (Ressort) ya TGI usaba yifuza gukoreramo n' impamvu;
5. Kuba usaba afite cabinet yujuje ibisabwa mu ifasi yifuza gukoreramo kandi bizwi n' Urugaga;
6. Kuba usaba atarigeze akora muri gahunda zabanje zo kunganira abana;
7. Kuba usaba nta yandi masezerano afitanye n' Urugaga yo kunganira abatishoboye;
8. Kuba usaba agaragaza ko ari umusoreshwa (TIN cyangwa RRA Certificate) muri legal services;
9. Kuba yiteguye kunganira abana kuva ku rwego rwa police kugeza mu Nkiko;

Bikorewe I Kigali kuwa 08/03/2018

RWANDA BAR ASSOCIATION
URUGAGA RW'ABAVOKA
P.O.BOX. 3762 KIGALI – Tel. 252580600
E-mail : info@rwandabar.org.rw
Web: www.rwandabar.org.rw

Me KAVARUGANDA Julien Gustave

Umukuru w' Urugaga